



ITORERO RY'UMUNAZARETI

AMAHAME YO KWIZERA

Aya ni amahame shingiro y'imyizerere y'itorero dusanga mu gitabo cy'imiyoborere (Manweri) y'itorero ry'Umunazareti.

Ingingo ya 1

UBUTATU BWERA BW'IMANA

Twizera ko hariho Imana imwe ihoraho idahinduka ibihe byose. Ni yo muremyi n'umugenga w'ibyaremwe byose. Ni yo ibeshaho ibintu byose. Imana irera mu kubaho kwayo kose. Ni umucyo n'urukundo nyakuri. Imana ni imwe mu butatu bwera, kuko yiyerekanye kuri twe nk'Imana Data, Umwana ndetse n'Umwuka wera.

Itangiro 1; Abalewi 19:2; Gutegeka kwa Kabiri 6:4-5; Yesaya 5:16; 6:1-7; 40:18-31; Matayo 3:16-17; 28:19-20; Yohana 14:6-27; 1 Abakorinto 8:6; 2 Abakorinto 13:14; Abagalatiya 4:4-6; Abefeso 2:13-18; 1 Yohana 1:5; 4:8

Ingingo ya 2

YESU KRISTO

Twizera Yesu Kristo, uwa kabiri mu butatu bwera bw'Imana, wahoranye n'Imana Data. Yabaye umuntu ku bw'Umwuka wera abyarwa n'umwari Mariya. Yesu ntabwo ari umuntu wabaye Imana kandi si Imana yahindutse umuntu gusa ahubwo ni Imana yuzuye kandi ni umuntu wuzuye: Kamere ebyiri zibumbiye muri we, Imana-Muntu.

Twizera ko Yesu Kristo yapfuye ku bw'ibyaha byacu, akazuka mu bapfuye afite umubiri w'ubumuntu utunganye, azamurwa mu ijuru aho ahora adusabira.

Matayo 1:20-25; 16:15-16; Luka 1:26-35; Yohana 1:1-18; Ibyakozwe n'Intumwa 2:22-36; Abaroma 8:3, 32-34; Abagalatiya 4:4-5; Abafilipi 2:5-11; Abakolosayi 1:12-22; 1 Timoteyo 6:14-14; Abaheburayo 1:1-5; 7:22-28; 9:24-28; 1 Yohana 1:1-3; 4:2-3; 15.

Ingingo ya 3 UMWUKA WERA

Twizera Umwuka Wera, uwa gatatu mu butatu bwera bw'Imana, ukomeza gukorera mu Itorerero rya Kristo. Ni we wemeza isi iby'icyaha, agatanga ubuzima bushya ku uwihannye kandi akizera. Yeza abizera, akabayobora mu kuri kose nk'uko biri muri Yesu.

Yohana 7:39; 14:15-18, 26; 16:7-15; Ibyakozwe n'Intumwa 2:33; 15:8-9; Abaroma 8:1-27; Abagalatiya 3:1-14; 4:6; Abefeso 3:14-21; 1 Abatesalonike 4:7-8; 2 Abatesalonike 2:13; 1 Petero 1:2; 1 Yohana 3:24; 4:13.

Ingingo ya 4 BYANDITSWE BYERA

Twizera ko Bibiliya ari ibyahumetswe n'Imana byuzuye. Ibitabo mirongo itandatu na bitandatu biyigize byo mu isezerano rya kera n'irishya bitwereka inzira ituganisha ku gakiza. Amahame yose twizera akaba agomba kuba ashingiye kuri Bibiliya.

Luka 24:44-47; Yohana 10:35; 1 Abakorinto 15:3-4; 2 Timoteyo 3:15-17; 1 Petero 1:10-12; 2 Petero 1:20-21

Ingingo ya 5 ICYAHA

Twizera ko icyaha cyazanywe mu isi no kutumvira Imana kw'ababyeyi bacu ba mbere Adamu na Eva. Icyaha cyabo cyazanye urupfu. Twizera ko icyaha kirimo uburyo bubiri: Icyaha cy'inkomoko n'icyaha cy'ubushake.

Twizera ko abantu bose bavukana kamere yanduye nk'ingaruka z'icyaha cy'ababyeyi bacu ba mbere. Iyi kamere y'icyaha ihabanye na kamere y'ibanze yo gukiranuka Imana yari yararemanye Adamu na Eva. Twapfuye mu mwuka kandi dukomeza kuba mu kibi.

Twizera ko kamere y'icyaha ikomeza kuba mu mutima w'Umukristo kugeza yejeje kubw'umubatizo w'Umwuka Wera.

Icyaha cy'inkomoko gitandukanye no gukora icyaha; ni kamere isunikira umuntu gukora ibibi.

Umuntu abarwaho icyaha cy'inkomoko gusa iyo asuzuguye cyangwa agahinyura Ubuntu bw'Imana.

Icyaha cy'ubushake ni ukwica nkana amategeko y'Imana. Icyaha cy'ubushake gikorwa n'umuntu ufite ubushobozi bwo gusobanukirwa n'ibyo akora. Ibyaha bitandukanye n'amakosa, gutsindwa, inenge, intege nke cyagwa indi migenzereze mibi itavuye mu bushake bw'umuntu ahubwo bitewe n'ingaruka zo gutandukana k'umuntu n'Imana. Ariko imitekerereze yose ihabanye n'Umwuka wa Kristo, ni ibyaha. Byitwa ibyaha byo mu mwuka. Icyaha cy'ubushake kigizwe ahanini no kwica itegeko ry'urukundo no kutizera Yesu Kristo.

Icyaha cy'inkomoko: Itangiriro 3; 6:5; Yobu 15:14; Zaburi 51:5; Yeremiya 17:9-10; Mariko 7:21-23; Abaroma 1:18-25; 5:12-14; 7:1-8:9; 1 Abakorinto 3:1-4; Abagalatiya 5:16-25; 1 Yohana 1:7-8

Icyaha cy'ubushake: Matayo 22:36-40 (Na 1 Yohana 3:4); Yohana 8:34-36; 16:8-9; Abaroma 3:23; 6:15-23; 8:18-24; 14:23; 1 Yohana 1:9-2:4; 3:7-10

Ingingo ya 6 GUCUNGURWA

Twizera ko Yesu Kristo yababajwe, amena amaraso ye kandi apfira kumugaraba; kugirango abe impongano y'ibyaha byacu. Ibi nibyo byitwa gucungurwa, bikaba aribyo shingiro ry'agakiza kacu. Yesu yapfiriye abantu bose; aha agakiza abana bato n'abandi badafite ububasha bwo gufata icyemezo bo ubwabo. Abandi bose bagomba kwihana no kwizera kugira ngo bakizwe.

Yesaya 53:5-6; 11; Mariko 10:45; Luka 24:46-48; Yohana 1:29; 3:14-17; Ibyakozwen'intumwa 4:10-12; Abaroma 3:21-26; 4:17-25; 5:6-21; 1 Abakorinto 6:20; 2 Abakorinto 5:14-21; Abagalatiya 1:34; 3:13-14; Abakolosayi 1:19-23; 1 Timoteyo 2:3-6; Tito 2:11-14; Abaheburayo 2:9; 9:11-14; 13:12; 1 Petero 1:18-21; 2:19-25; 1 Yohana 2:1-2

Ingingo ya 7 BUNTU BUBANZIRIZA AGAKIZA

Twizera ko umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana. Ibi bikaba bisobanura ko umuntu yaremanwe ubushobozi bwo guhitamo hagati y'ikibi n'icyiza; bityo akaba yaryozwa ingaruka z'ibyaha akora (kwiyingira). Kubera icyaha dukomora kuri Adamu na Eva, abantu bose bavukana kamere y'icyaha; bityo bakaba badashobora ku bwabo guhindukirira Imana cyangwa gukora imirimo myiza kugira ngo bikize. Ariko twizera ko Ubuntu bw'Imana muri Kristo Yesu, bubonwa nta kiguzi kandi bugahabwa abantu bose. Ubu buntu bushoboza buri wese guhitamo kuva mu byaha no gukora ibyo gukiranuka, kwizera Yesu Kristo kugira ngo ababarirwe kandi yezweho ibyaha; bityo akabaho ubuzima bunezeza Imana kandi akemerwa na yo.

Twizera ko bishoboka ko abakijijwe bakezwaho ibyaha bashobora gusubira muri byo bagatakaza ukwizera. Iyo batihanywe ibyaha byabo, baba bamaze gucirwaho iteka.

Gusa n'Imana no kwiyingira: Itangiriro 1:26-27; 2:16-17; Gutegeka kwa Kabiri 28:1-2; 30:19; Yosuwu 24:15; Zaburi 8:3-5; Yesaya 1:8-9; Yeremiya 31:29-30; Ezekiyeli 18:1-4; Mika 6:8; Abaroma 1:19-20; 2:1-16; 14:7-12; Abagalatiya 6:7-8.

Ubushobozi buke karemano: Yobu 14:4; 15:14; Zaburi 14:1-4; 51:5; Yohana 3:6a; Abaroma 3:10-12; 5:12-14, 20a; 7:14-25

Ubuntu n'imirimo yo kwizera: Ezekiyeli 18:25-26; Yohana 1:12-13; 3:6b; Ibyakozwe n'intumwa 5:31; Abaramo 5:6-8, 18; 6:15-16, 23; 10:6-8; 11:22; 1 Abakorinto 2:9-14; 10:1-12; 2 Abakorinto 5:18-19; Abagalatiya 5:6; Abefeso 2:8-10; Abafilipi 2:12-13; Abakolosayi 1:21-23; 2 Timoteyo 4:10a; Tito 2:11-14; Abaheburayo 2:1-3; 3:12-15; 6:4-6; 10:26-31; Yakobo 2:18-22; 2 Petero 1:10-11; 2:20-22

Ingingo ya 8 KWIHANA

Twizera ko agakiza kabanzirizwa no kwihana. Kwihana ni uguhinduka rwose mu bitekerezo bijyana no kwanga icyaha. Ibi byerekana ko umuntu yicira urubanza akareka

icyaha ku bushake bwe. Bikaba bisabwa gukorwa na buri wese wacumuye ku Mana mu bitekerezo cyangwa mu bikorwa. Kubw'ubuntu, Umwuka Wera afasha buri wese wifuza kwihana no kwakira imbabazi z'Imana bikamushoboza kubabarirwa no kubaho ubuzima bwejeje.

2 Ingoma 7:14; Zaburi 32:5-6; 51:1-17; Yesaya 55:6-7; Yeremiya 3:12-14; Ezekiyeri 18:30-32; 33:14-16; Mariko 1:14-15; Luka 3:1-14; 13:1-5; 18:9-14; Ibyakozwe n'Intumwa 2:38; 3:19; 5:31; 17:30-31; 26:16-18; Abaroma 2:4; 2 Abakorinto 7:8-11; 1 Abatesalonike 1:9; 2 Petero 3:9.

Ingingo ya 9

UTSINDISHIRIZWA, KUBYARWA UBWA KABIRI, KUGIRWA ABANA B'IMANA

Gutsindishirizwa: Twizera ko uwemera kandi akizera Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza we atsindishirizwa; bisobanura ko Imana imubabarira kandi ikamukuraho igihano cy'ibyaha; ikamwemera nk'umukiranutsi.

Kubyarwa ubwa kabiri: Twizera ko abihannye bakemera Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza babyarwa ubwa kabiri; bagahabwa ubuzima bwo mu mwuka bushya na kamere y'Imana. Ubu buzima bushya burangwa no kwizera, urukundo no kumvira Imana.

Kugirwa abana b'Imana: Twizera ko abizera bashya babyawe ubwa kabiri iyo bamaze gutsindishirizwa kubw'ubuntu n'Imana, ibahindura abana mu muryango wayo

Ibi bikorwa bitatu (Gutsindishirizwa, Kubyarwa ubwa Kabiri no Kugirwa abana b'Imana) byose bibera rimwe. Bikomoka ku kwihana no kwizera Yesu Kristo. Umwuka wera niwe uduhamiriza ko Imana yashoje uwo murimo.

Luka 18:14; Yohana 1:12-13; 3:3-8; 5:24; Ibyakozwe n'Intumwa 13:19; Abaroma 1:17; 3:21-26, 28; 4:5-9, 17-25; 5:1, 16-19; 6:4; 7:6; 8:1, 15-17; 1 Abakorinto 1:30; 6:12; 2 Abakorinto 5:14-21; Abagalatiya 2:16-21; 3:1-14, 26; 4:4-7; Abefeso 1:6-7; 2:1, 4-5; Abafilipi 3:3-9; Abakolosayi 2:13; Tito 3:4-7; 1 Petero 1:23; 1 Yohana 1:9; 3:1-2, 9; 4:7; 5:1; 9:13, 18

Ingingo ya 10

KWEZWA KWA GIKRISTO NO KWEZWA RWOSE

Twizera ko kwezwa ari umurimo w'Imana uhindura abizera kugirango base na Yesu Kristo. Ubwo buntu bw'Imana busohozwa n'Umwuka Wera igihe cyose. Kwezwa kw'ibanze gutangirana no kubyarwa ubwa kabiri (bibera rimwe no gutsindishirizwa). Umwuka wera akomeza umurimo wo kweza no gutunganya abizera kugeza ubwo bagera ku rwego rwo kwezwa rwo; bagahabwa ubwiza busa n'ubw'Umwana w'Imana.

Twizera ko nyuma yo kubyarwa ubwa kabiri, Imana ikomeza kubohoraho abizera icyaha cy'inkomoko. Kwezwa rwose ni urwego abizera bageraho bakiyegurira Imana, bakayumvira ari byo rukundo rutunganye rwose.

Kwezwa rwose gusohozwa n'umubatizo w'umwuka wera; ari byo kuzuzwa umwuka wera. Bikagaragazwa no kwezwo ibyaha k'umutima no kuyoborwa n'Umwuka Wera; ari byo bibashisha abizera gukorera Imana no kuyitunganira mu buzima bwejeje.

Urupfu rwa Yesu Kristo ni rwo rudushoboza kwezwa rwose. Kwezwa rwose ni igikorwa kibaho ako kanya ku bw'ubuntu binyuze mu kwizera; bibanzirizwa no kwiyegegurira Imana burundu. Umwuka wera niwe uhamiriza imitima yacu ko twejeje no kutwuzuzura imbaraga kubw'ubuntu.

Kwezwa rwose bihabwa inyito zitandukanye zishingiye ku nzego zinyuranye zako, zimwe muri zo ni gutunganywa kwa Gikristo, Urukundo rutunganye rwose, umutima uboneye, umubatizo w'Umwuka Wera, kuzuzwa Umwuka Wera, Umugisha wuzuye no kwezwa kwa Gikristo.

Twizera ko hariho itandukaniro rigaragara hagati y'umutima uboneye n'imyifatire ihamye. Iyo umuntu amaze kwezwa rwose ahita agira umutima uboneye naho imyifatire ihamye ikomeza kwiyegegurira mu u rugendo rwo gukura k'umukristo.

Twizera ko umuntu wejejeje rwose agira ibyiyumviro biboneye bimusunikira ku gukura mu buntu nk'umwigishwa usa na Yesu Kristo. Uku gukura si igikorwa gihita kigerwaho uwo mwanya ahubwo kugerwaho binyuze mu kwitondera imyifatire ya Gikristo kugira ngo ubashe kugira imibereho nk'iya Kristo. Hatabayeho umwete wo guharanira gukora neza, ubuhamya bwadindira n'ubuntu ubwabwo bugahungabana kugeza ndetse naho buzimangana.

Binyuze mu bikorwa by'ubuntu cyane cyane guterana kwera, imyifatire iboneye ndetse n'imigenzo yera y'Itorero, bihesha abizera gukura mu buntu no gukunda Imana n'imitima yabo yose ndetse no gukunda bagenzi babo.

Yeremiya 31:31-34; Ezekiyeri 36:25-27; Malaki 3:2-3; Mmatayo 3:11-12; Luka 3:16-17; Yohana 7:37-39; 14:15-23; 17:6-20; Ibyakozwe n'Intumwa 1:5; 2:1-4; 15:8-9; Abaroma 6:11-13, 19; 8:1-4, 8-14; 12:1-2; 2 Abakorinto 6:14—7:1; Abagalatiya 2:20; 5:16-25; Abefeso 3:14-21; 5:17-18, 25-27; Abafilipi 3:10-15; Abakolosayi 3:1-17; Abatesalonike 5:23-24; Abaheburayo 4:9-11; 10:10-17; 12:1-2; 13:12; 1 Yohana 1:7, 9

"Gutunganywa kwa Gikristo", "Urukundo rutunganye rwose": Gutegeka kwa Kabiri 30:6; Matayo 5:43-48; 22:37-40; Abaroma 12:9-21; 13:8-10; 1 Abakorinto 13; Abafilipi 3:10-15; Abaheburayo 6:1; 1 Yohana 4:17-18

"Umutima uboneye": Matayo 5:8; Ibyakozwe n'Intumwa 15:8-9; 1 Petero 1:22; 1 Yohana 3:3

"Umubatizo w'umwuka wera": Yeremiya 31:31-34; Ezekiyeri 36:25-27; Malaki 3:2-3; Matayo 3:11-12; Luka 3:16-17; Ibyakozwe n'Intumwa 1:5; 2:1-4; 15:8-9

"Umugisha wuzuye": Abaroma 15:29

"Kwezwa kwa Gikristo": Matayo 5:1-7:29; Yohana 15:1-11; Abaroma 12:1-15:3; 2 Abakorinto 7:1; Abefeso 4:17-5:20; Abafilipi 1:9-13; 3:12-25; Abakolosayi 2:20-3:17; 1 Abatesalonike 3:13; 4:7-8; 5:23; 2 Timoteyo 2:19-22; Abaheburayo 10:19-25; 12:14; 13:29-21; 1 Petero 1:15-16; 2 Petero 1:1-11; 3:18; Yuda 20:21

Ingingo ya 11 ITORERO

Twizera ko Itorero ari umuryango w'abantu batura ko Yesu Kristo ari Umwami wabo. Ni abana b'isezerano ry'Imana bahinduwe bashya muri Yesu Kristo. Itorero ni umubiri wa Kristo wateranyirijwe hamwe n'Umwuka Wera kubw'Ijambo.

Imana yahamagariye Itorero kuyigaragaza mu buryo bunyuranye harimo: kuyiramyana mu bumwe, mu busabane, mu kubwiriza ijamba ry'Imana, mu bufatanye mu gukora imigenzo yera y'Itorero, mu gukora umurimo mu izina rya Yesu, mu kubaha Kristo, mu kubaho ubuzima bwejeje ndetse no mu gukomezanya kw'abera.

Inshingano z'Itorero ni ukumenyekanisha umurimo Yesu yakozwe kuko yacunguye kandi yunga abantu bose mu mbaraga z'umwuka Wera. Itorero risohozza izo nshingano rihindurira abantu kuba abigishwa ba Yesu Kristo binyuze mu ivugabutumwa, inyigisho, ibikorwa by'impuhwe, gukorera mu kuri no kuba abahamya b'ubwami bw'Imana.

Itorero ni amahuriro yo ku mudugudu ndetse ni n'umuryango w'abera mu isi yose. Rigaragaza ubuzima bwaryo no kuramya mu buryo butandukanye no mu mico itandukanye. Itorero ryemera ko Imana ihamagarira abantu bamwe inshingano zihariye mu buzima bwaryo kandi ikabashyira mu myanya kugira ngo babashe gushyira mu bikorwa uwo muhamagaro. Itorero ribaho muni y'ubuyobozi bw'Imana mugihe ritegereje kugaruka k'Umwami Yesu Kristo.

Kuva 19:3; Yeremiya 31:33; Matayo 8:11; 10:7; 16:13-19, 24; 18:15-20; 28:19-20; Yohana 17:14-26; 20:21-23; Ibyakozwe n'Intumwa 1:7-8; 2:32-47; 6:1-2; 13:1; 14:24; Abaroma 2:28-29; 4:16; 10:9-15; 11:13-32; 12:1-8; 15:1-3; 1Abakorinto 3:5-9; 7:17; 11:1, 17-33; 12:3, 12-31; 14:26-40; 2Abakorinto 5:11-6:1; Abagalatiya 5:6, 13-14; 6:1-5, 15; Abefeso 4:1-17; 5:25-27; Abafilipi 2:1-16; 1Abatesalinike 4:1-12; 1Timoteyo 4:13; Abaheburayo 10:19-27; 1Petero 1:1-2, 13; 2:4-14, 21; 4:1-2, 10-11; 1Yohana 4:17; Yuda 24; Ibyahishuwe 5:9-10

Ingingo ya 12 UMUBATIZO

Twizera ko umubatizo wa Gikristo ari umuhango wera wategetswe na Yesu Kristo; bisobanura ko umuntu yakiriye umugisha uva mu gucungurwa na Yesu Kristo, agahamya kumwizera mu ruhamwe nk'Umwami n'Umukiza we. Byerekana ubushake bwo gukurikira Yesu Kristo mu kumwubaha no kumukiranukira.

Umubatizo ni ikimenyetso cy'isezerano rishya; ku bw'ibyo abana bato bashobora kubatizwa bisabwe n'ababyeyi babo cyangwa ababarera mu gihe biyemeje ko bazakomeza kubarera mu nzira ya Gikristo.

Ubatizwa ashobora guhitamo kubatizwa aminjiriwe amazi, asutsweho amazi cyangwa yibijwe mu mazi menshi.

Matayo 3:1-7; 28:16-20; Ibyakozwe n'intumwa 2:37-41; 8:35-39; 10:44-48; 16:29-34; 19:1-6; Abaroma 6:3-4; Abagalatiya 3:26-28; Abakolosayi 2:12; 1Petero 3:18-22

Ingingo ya 13 IGABURO RYERA

Twizera ko igaburo ryera ari umuhango wera w'itorero w'ingenzi nkuko wategetswe na Yesu Kristo. Ni urwibutso rw'igitambo cy'urupfu rwe, abizera baboneyemo ubugingo, agakiza n'isezerano ry'imigisha yose yo mu mwuka ibonerwa muri Kristo Yesu. Igaburo ryera ryegerwa n'umwizera wese wabyiteguye kandi usobanukiwe n'umumaro waryo. Iyo abizera begera igaburo ryera, baba bahamya urupfu rw'Umwami kugeza ubwo azagaruka.

Kuva 12:1-14; Matayo 26:26-29; Mariko 14:22-25; Luka 22:17-20; Yohana 6:28-59; 1Abakorinto 10:14-21; 11:23-32

Ingingo ya 14 GUKIZA KW'IMANA

Twizera amahame yo gukiza kw'Imana dusanga muri Bibiliya. Dushishikariza abizera kwihatira amasengesho yo kwizera akiza abarwayi. Twizera na none ko Imana ikiza abarwayi binyuze mu buryo busanzwe bw'ubuvuzi bwemewe.

2Abami 5:1-19; Zaburi 103:1-5; Matayo 4:23-24; 9:18-35; Yohana 4:46-54; Ibyakozwe n'Intumwa 5:12-16; 9:32-42; 14:8-15; 1Abakorinto 12:4-11; 2Abakorinto 12:7-10; Yakobo 5:13-16

Ingingo ya 15 KUGARUKA KWA KRISTO

Twizera ko Umwami Yesu azongera kugaruka ku Isi. Abapfuye bizeye bazazurwa, abazaba bakiriho muri Kristo bahereko bazamurwe bajye gusanganira Umwami mu kirere. Bazabana n'Umwami iteka ryose.

Matayo 25:31-46; Yohana 14:1-3; Ibyakozwe n'Intumwa 1:9-11; Abafilipi 3:20-21; 1Abatesalonike 4:13-18; Tito 2:11-14; Abaheburayo 9:26-28; 2Petero 3:3-15; Ibyahishuwe 1:7-8; 22:7-20

Ingingo ya 16 KUZUKA KW'ABAPFUYE, URUBANZA N'UBUZIMA BW'ITEKA RYOSE

Twizera ko hazabaho umuzuko w'abapfuye ubwo imibiri y'abakiranutsi n'iy'abakiranirwa izazurwa igasubirana ubuzima. Abakiranutsi bazazukira ubugingo buhoraho naho abakiranirwa bazukire gucirwaho iteka.

Twizera ko buri wese azahagarara imbere y'intebe y'Imana agacirwa urubanza rw'ibyoyakoze akiriho.

Twizera ko abakijijwe bakizera Yesu Kristo, bakamukurikira bamwubaha bazagororerwa ubugingo buhoraho. Abanze kwihana bazababazwa ubuziraherezo muri Gehenom.

Itangiro 18:25; 1Samueli 2:10; Zzaburi 50:6; Yesaya 26:19; Daniyeli 12:2-3; Matayo 25:31-46; Mariko 9:43-48; Luka 16:9-31; 20:27-38; Yohana 3:16-18; 5:25-29; 11:21-27; Ibyakozwe n'Intumwa 17:30-31; Abaroma 2:1-16; 14:7-12; 1 Abakorinto 15:12-58; 2Abakorinto 5:10; 2 Abatesalonike 1:5-10; Ibyahishuwe 20:11-15; 22:1-15